



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 05/07/2024

Year 63
Official Gazette n° Special of
05/07/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
05/07/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Itegeko / Law /Loi

Itegeko n° 056/2024 ryo ku wa 26/06/2024 rishyiraho umusoro ku mabuye y'agaciro.....	2
Law n° 056/2024 of 26/06/2024 establishing tax on minerals.....	2
Loi n° 056/2024 du 26/06/2024 portant instauration de l'impôt sur les minerais.....	2

ITEGEKO N° 056/2024 RYO KU WA 26/06/2024 RISHYIRAHU UMUSORO KU MABUYE Y'AGACIRO	LAW N° 056/2024 OF 26/06/2024 ESTABLISHING TAX ON MINERALS	LOI N° 056/2024 DU 26/06/2024 PORTANT INSTAURATION DE L'IMPÔT SUR LES MINERAIS
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura	<u>Article 2:</u> Interpretation	<u>Article 2 :</u> Interprétation
<u>Ingingo ya 3:</u> Iyishyurwa ry'umusoro ku mabuye y'agaciro	<u>Article 3:</u> Payment of tax on minerals	<u>Article 3 :</u> Paiement de l'impôt sur les minerais
<u>Ingingo ya 4:</u> Ibipimo by'umusoro w'ikirombe ucibwa ku mabuye y'agaciro	<u>Article 4:</u> Mining royalty tax rates applicable to minerals	<u>Article 4 :</u> Taux de redevance minière applicables aux minerais
<u>Ingingo ya 5:</u> Umusoro ku byoherezwa mu mahanga	<u>Article 5:</u> Export tax	<u>Article 5 :</u> Taxe à l'exportation
<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano yo gufatira umusoro, kuwumenyekanisha no kuwishyura	<u>Article 6:</u> Tax withholding, declaration and payment obligation	<u>Article 6 :</u> Obligation de retenue, de déclaration et de paiement d'impôt
<u>Ingingo ya 7:</u> Isonerwa ry'umusoro ku mabuye y'agaciro	<u>Article 7:</u> Exemption of tax on minerals	<u>Article 7 :</u> Exonération d'impôt sur les minerais
<u>Ingingo ya 8:</u> Itariki umusoro ku mabuye y'agaciro ubarirwa	<u>Article 8:</u> Due date for tax on minerals	<u>Article 8 :</u> Date d'imposition de l'impôt sur les minerais

<u>Ingingo ya 9:</u> Ubwiza, agaciro n'amafaranga yo gutunganya amabuye y'agaciro	<u>Article 9:</u> Grade, value and processing charges for minerals	<u>Article 9:</u> Teneur, valeur et frais de traitement des minerais
<u>Ingingo ya 10:</u> Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro ku mabuye y'agaciro	<u>Article 10:</u> Declaration and payment of tax on minerals	<u>Article 10:</u> Déclaration et paiement d'impôt sur les minerais
<u>Ingingo ya 11:</u> Kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete y'ubucuruzi afitanye isano n'uwahawe uruhushya	<u>Article 11:</u> Sale of minerals to companies affiliated to the holder of a license	<u>Article 11:</u> Vente des minerais aux sociétés commerciales affiliées au titulaire d'un permis
<u>Ingingo ya 12:</u> Amabwiriza akumira ubwumvikane bwo kutishyura umusoro	<u>Article 12:</u> Anti-tax avoidance arrangement rules	<u>Article 12:</u> Règles de lutte contre un arrangement d'évasion fiscale
<u>Ingingo ya 13:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 13:</u> Language provision	<u>Article 13:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 14:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 14:</u> Repealing provision	<u>Article 14:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 15:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 15:</u> Entry into force	<u>Article 15:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 05/07/2024

ITEGEKO N° 056/2024 RYO KU WA 26/06/2024 RISHYIRAHU UMUSORO KU MABUYE Y'AGACIRO Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Gicurasi 2024; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 64 n'iya 165; Isubiye ku Itegeko n° 55/2013 ryo ku wa 02/08/2013 rishyiraho umusoro ku mabuye y'agaciro; YEMEJE:	LAW N° 056/2024 OF 26/06/2024 ESTABLISHING TAX ON MINERALS We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 24 May 2024; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64 and 165; Having reviewed Law n° 55/2013 of 02/08/2013 on minerals tax; ADOPTS:	LOI N° 056/2024 DU 26/06/2024 PORTANT INSTAURATION DE L'IMPÔT SUR LES MINERAIS Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 24 mai 2024; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64 et 165; Revu la Loi n° 55/2013 du 02/08/2013 portant instauration de l'impôt sur les minerais; ADOPTE :
--	---	--

<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rishyiraho umusoro ku mabuye y'agaciro. <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri tegeko: (a) «agaciro mbumbe» bivuga agaciro amabuye y'agaciro afite mbere yo gukuramo ikiguzi cyo kuyatunganya mu ruganda rwo mu Gihugu; (b) «agaciro nyakuri» bivuga agaciro k'amabuye y'agaciro kari ku isoko mpuzamahanga ku munsu ugurisha amabuye y'agaciro yahawe icyemezo cyo kuyagurisha, hakuwemo ikiguzi cyo kuyatunganya cyemezwa n'urwego rubifitiye ububasha; (c) «amabengeza» bivuga amabuye y'agaciro akoreshwa mu mirimbo; (d) «amabuye adakunze kuboneka ku isi» bivuga amabuye y'agaciro yifashishwa mu gukora ibikoresho by'ikoranabuhanga rihanitse, arimo <i>zirconium, uranium, thorium na monazite</i>;	<u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law establishes the tax on minerals. <u>Article 2:</u> Interpretation In this Law: (a) « gross value » means the value of minerals before deducting expenses associated with the processing thereof in a local mineral processing facility; (b) « norm value » means the value of minerals on the international market as at the date of grant to the dealer in minerals of a certificate for the sale of such minerals, excluding processing costs approved by the competent authority; (c) « gemstones » means precious stones used in jewellery; (d) « rare earth elements » means high tech minerals which include zirconium, uranium, thorium and monazite;	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi instaure l'impôt sur les minerais. <u>Article 2 :</u> Interprétation Dans la présente loi : (a) « valeur brute » signifie la valeur des minerais avant déduction des dépenses liées à leur traitement dans une usine locale de traitement des minerais; (b) « valeur normative » signifie la valeur des minerais sur le marché international à la date d'octroi au négociant en minerais d'un certificat pour la vente de ces minerais, à l'exclusion des coûts de traitement approuvés par l'autorité compétente; (c) « pierres gemmes » signifie les pierres précieuses utilisées en bijouterie ; (d) « éléments de terres rares » signifie les minerais de haute technologie qui comprennent le zirconium, l'uranium, le thorium et la monazite;
---	---	---

(e) «amabuye y’agaciro atanga ingufu» bivuga amabuye y’agaciro agizwe n’ibintu bishobora gucuruzwa, mu buryo bw’ibanze hagaragaramo <i>lithium, cobalt, manganese</i> na <i>graphite</i>; (f) «amabuye yo mu itsinda rya platine» bivuga amabuye y’ingenzi kandi y’agaciro arimo <i>ruthenium, rhodium, palladium, osmium, iridium</i> na <i>platine</i>; (g) «amabuye y’agaciro yo mu rwego rw’ibanze» bivuga amabuye y’agaciro ahinduka igihe ahuye n’umwuka cyangwa ashyizwe ahantu hari ububobere, arimo <i>copper, lead, zinc, nickel, aluminium, tin, iron, tungsten, molybdenum, tantalum, cobalt, bismuth, titanium, manganese, chromium, germanium, vanadium, gallium, hafnium, indium, niobium, na thallium</i>; (h) «gutunganya amabuye y’agaciro» hakubiyemo gukata, gusena, gushongesha cyangwa ikindi gikorwa cyo gutunganya amabuye y’agaciro bikorerwa mu ruganda hagamijwe kuyabyazamo ibicuruzwa bishya;	(e) « energy minerals » means minerals containing a commercially viable composition with a primary elemental definition of <i>lithium, cobalt, manganese</i> and <i>graphite</i>; (f) « platinum group metals » means essential and precious metals which include <i>ruthenium, rhodium, palladium, osmium, iridium</i> and <i>platinum</i>; (g) « base metals » means metals that oxidize or corrode easily when exposed to air or moisture and include <i>copper, lead, zinc, nickel, aluminium, tin, iron, tungsten, molybdenum, tantalum, cobalt, bismuth, titanium, manganese, chromium, germanium, vanadium, gallium, hafnium, indium, niobium</i> and <i>thallium</i>; (h) « mineral processing » includes the cutting, polishing, smelting or any other action consisting in processing minerals that are carried out in a mineral processing facility with a view to creating new products from such minerals;	(e) « minerais énergétiques » signifie les minerais contenant une composition commercialement viable avec une définition élémentaire primaire de <i>lithium, de cobalt, de manganèse</i> et de <i>graphite</i>; (f) « métaux du groupe de platine » signifie les métaux essentiels et précieux qui comprennent le <i>ruthénium, le rhodium, le palladium, l’osmium, l’iridium</i> et le <i>platine</i> ; (g) « métaux de base » signifie les métaux qui s’oxydent ou se corrodent facilement lorsqu’ils sont exposés à l’air ou à l’humidité et comprennent le <i>cuivre, le plomb, le zinc, le nickel, l’aluminium, l’étain, le fer, le tungstène, le molybdène, le tantale, le cobalt, le bismuth, le titane, le manganèse, le chrome, le germanium, le vanadium, le gallium, le hafnium, l’indium, le niobium</i> et le <i>thallium</i>; (h) « traitement de minerais » comprend la taille, le polissage, la fonte de minerais ou toute autre action de traitement de ces derniers qui s’effectuent dans une usine de traitement des minerais en vue de créer de nouveaux produits à partir de ces minerais ;
--	---	--

(i) «igicro kiri ku isoko mpuzamahanga» bivuga igicro kigenwa n'ihuriro mpuzamahanga ryemewe mu bijyanye n'ibicro by'amabuye y'agaciro, nk'igicro gikwiye kugurwa amabuye y'agaciro runaka; (j) «ubwiza» bivuga ingano y'ibigize amabuye y'agaciro bipimwa cyangwa bisobanurwa hashingiwe ku byishyurwa ku ibuye ry'agaciro bitewe n'uko rimeze igihe rigurishwa; (k) «ubwumvikane bugamije kutishyura umusoro» bivuga: (i) ubwumvikane bugamije gusa cyangwa mbere na mbere gutubya umusoro cyangwa bwavamo mu buryo butaziguye cyangwa buziguye gukoresha nabi cyangwa kwica amategeko agenga imisoro akurikizwa mu Rwanda; (ii) ubwumvikane bwakozwe hakoreshejwe uburyo butari mu bwakoreshejwe mu buryo busanzwe bugamije ubucuruzi bwemewe, iyo butaza gukoreshwa hagamijwe gutubya umusoro;	(i) « international market value » means the value set by a recognized global minerals pricing platform as the appropriate price for which given minerals could be traded; (j) « grade » means the measured content or defined mineral content with reference to the payable factors in a mineral in the form in which it is sold; (k) « tax avoidance arrangement » means: (i) an arrangement whose sole or main purpose is to obtain a tax benefit or would result in a direct or indirect misuse or abuse of the provisions of tax laws in force in Rwanda; (ii) an arrangement entered into or carried out by means or in a manner which would not normally be undertaken or employed for genuine business purposes, other than obtaining a tax benefit; or	(i) « valeur sur le marché international » signifie la valeur fixée par une plateforme mondiale reconnue en matière de fixation des prix de minerais comme étant le prix approprié pour lequel les minerais donnés pourraient être vendus; (j) « teneur » signifie la teneur mesurée ou la teneur en minerais définie en référence aux facteurs payables d'un minéral sous la forme dans laquelle il est vendu; (k) « arrangement d'évasion fiscale » signifie : (i) un arrangement dont l'objet unique ou principal est d'obtenir un avantage fiscal ou qui aboutirait à un détournement ou un abus direct ou indirect des dispositions de la législation fiscale en vigueur au Rwanda; (ii) un arrangement conclu ou exécuté par des moyens ou d'une manière qui ne seraient normalement pas entrepris ou employés à des fins commerciales véritables, autres que d'obtention d'un avantage fiscal ; ou
--	---	---

(iii)cyangwa ubwumvikane butuma habaho uburenganzira cyangwa inshingano zidakwiye kubaho mu buryo busanzwe hagati y'abantu bakorana ubucuruzi bakurikije ihame ry'ihiganwa risesuye; (l) «umuntu» hakubiyemo umuntu ku giti cye, isosiyete ifite ubuzimagatozi, isosiyete idafite ubuzimagatozi, koperative, isosiyete yabyawe n'indi, ubufatanye mu bucuruzi, icyicaro gihoraho, itsinda ry'abantu bakwishyira hamwe mu buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa ikigo icyo ari cyo cyose; (m)«Urwego rubifitiye ububasha» bivuga urwego rwa Leta rufite amabuye y'agaciro mu nshingano; (n) «umusoro ku mabuye y'agaciro» bivuga umusoro w'ikirombe cyangwa umusoro ku byoherezwa mu mahanga ucibwa ku gaciro k'amabuye y'agaciro yavuye mu kirombe cyo mu Rwanda; (o) «uruganda rwo mu Gihugu» bivuga uruganda rwahawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro n'urwego rubifitiye ububasha;	(iii) an arrangement that creates rights or obligations that would not normally be created between persons dealing business at arm's length principle; (l) « person » includes an individual, a company, de facto company, a cooperative, a subsidiary, a partnership, a permanent establishment, any form of group of persons who may join together or any entity; (m)« competent authority » means the State organ in charge of minerals; (n) « tax on minerals » means mining royalty tax or export tax imposed on the value of minerals produced in a Rwandan mine; (o) « local mineral processing facility » means a mineral processing facility licenced for mineral processing by the competent authority;	(iii) un arrangement qui crée des droits ou des obligations qui ne seraient normalement pas créés entre des personnes qui font le commerce conformément au principe de pleine concurrence; (l) « personne » comprend un individu, une société, une société de fait, une coopérative, une filiale, une société de personnes, un établissement stable, toute forme de groupe de personnes qui peuvent s'associer ou toute autre entité ; (m)« autorité compétente » signifie l'organe de l'État ayant les minerais dans ses attributions; (n) « impôt sur les minerais » désigne une redevance minière ou une taxe à l'exportation imposée sur la valeur des minerais produits dans une mine du Rwanda; (o) « usine locale de traitement des minerais » signifie une usine de traitement des minerais munie d'un agrément pour traitement de minerais octroyé par l'autorité compétente;
---	--	---

(p) «usora» bivuga umuntu ugomba kwishyura umusoro ku mabuye y'agaciro hakurikijwe iri tegeko. <u>Ingingo ya 3: Iyishyurwa ry'umusoro ku mabuye y'agaciro</u> Umuntu ugurisha amabuye y'agaciro ayishyurira umusoro. <u>Ingingo ya 4: Ibipimo by'umusoro w'ikirombe ucibwa ku mabuye y'agaciro</u> Ibipimo by'umusoro w'ikirombe ucibwa ku mabuye y'agaciro bikoreshwa mu buryo bukurikira: (a) 3% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye y'agaciro yo mu rwego rw'ibanze; (b) 2% by'agaciro mbumbe ku cyiciro cy'amabengeza; (c) 2% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye yo mu itsinda rya platine; (d) 2% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye adakunze kuboneka ku isi;	(p) « taxpayer » means a person subject to tax on minerals according to this Law. <u>Article 3: Payment of tax on minerals</u> A person who sells minerals pays tax on such minerals. <u>Article 4: Mining royalty tax rates applicable to minerals</u> Mining royalty tax rates apply to the minerals as follows: (a) 3% of the norm value for the mineral category of base metals; (b) 2% of the gross value for the category of gemstones; (c) 2% of the norm value for the category of platinum group metals; (d) 2% of the norm value for the category of rare earth elements;	(p) « contribuable » signifie une personne assujettie à l'impôt sur les minerais aux termes de la présente loi. <u>Article 3 : Paiement de l'impôt sur les minerais</u> Une personne qui vend des minerais paie l'impôt sur ces minerais. <u>Article 4 : Taux de redevance minière applicables aux minerais</u> Les taux de redevance minière s'appliquent aux minerais comme suit : (a) 3 % de la valeur normative pour la catégorie de minerais de métaux de base; (b) 2 % de la valeur brute pour la catégorie de pierres gemmes ; (c) 2% de la valeur normative pour la catégorie de métaux du groupe de platine; (d) 2% de la valeur normative pour la catégorie d'éléments de terres rares;
---	---	---

(e) 3% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye y'agaciro atanga ingufu; (f) 0,5% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cya zahabu. <u>Ingingo ya 5: Umusoro ku byoherezwa mu mahanga</u> Uretse ibipimo biteganyijwe mu ngingo ya 4 y'iri tegeko, amabuye y'agaciro yoherezwa mu mahanga mu miterere yayo y'umwimerere acibwa umusoro ku byoherezwa mu mahanga mu buryo bukurikira: (a) 2% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye y'agaciro yo mu rwego rw'ibanze; (b) 3% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabengeza; (c) 2% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye yo mu itsinda rya platine; (d) 1% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye adakunze kuboneka ku isi; (e) 2% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cy'amabuye y'agaciro atanga ingufu;	(e) 3% of the norm value for the category of energy minerals; (f) 0.5% of the norm value for the category of gold. <u>Article 5: Export tax</u> In addition to the rates provided under Article 4 of this Law, minerals exported in raw form are subject to an export tax as follows: (a) 2% of the norm value for the mineral category of base metals; (b) 3% of the norm value for the category of gemstones; (c) 2% of the norm value for the category of platinum group metals; (d) 1% of the norm value for the category of rare earth elements; (e) 2% of the norm value for the category of energy minerals;	(e) 3% de la valeur normative pour la catégorie de minerais énergétiques; (f) 0,5% de la valeur normative pour la catégorie de l'or. <u>Article 5 : Taxe à l'exportation</u> Outre les taux prévus à l'article 4 de la présente loi, les minerais exportés à l'état brut sont soumis à une taxe à l'exportation comme suit : (a) 2% de la valeur normative pour la catégorie de minerais de métaux de base ; (b) 3% de la valeur normative pour la catégorie de pierres gemmes; (c) 2% de la valeur normative pour la catégorie de métaux du groupe de platine; (d) 1% de la valeur normative pour la catégorie d'éléments de terres rares; (e) 2% de la valeur normative pour la catégorie de minerais énergétiques;
---	---	---

(f) 0,5% by'agaciro nyakuri ku cyiciro cya zahabu. <u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano yo gufatira umusoro, kuwumenyekanisha no kuwishyura (1) Uruganda rwo mu Gihugu cyangwa umuntu wohereza amabuye y'agaciro mu mahanga aturuka mu Rwanda, bafite inshingano yo gufatira umusoro w'ikirombe, kuwumenyekanisha no kuwushyikiriza ubuyobozi bw'imisoro, mu gihe giteganywa n'iri tegeko. (2) Inshingano yo gufatira umusoro ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntikurikizwa iyo uwacukuye amabuye y'agaciro ari we uyohereza mu mahanga. Icyo gihe, uwohereza amabuye y'agaciro mu mahanga yishyura umusoro w'ikirombe hamwe n'umusoro ku byoherezwa mu mahanga. (3) Umusoro ku mabuye y'agaciro ntufatwa nk'ibyemerewe gukurwa mu musaruro cyangwa nk'umusoro ku musaruro wishyuwe mbere mu kubara umusoro ku nyungu.	(f) 0.5% of the norm value for the category of gold. <u>Article 6:</u> Tax withholding, declaration and payment obligation (1) A local mineral processing facility or a person who exports minerals from Rwanda, has the obligation to withhold mining royalty tax, declare and remit it to the tax administration within the timeline prescribed by this Law. (2) The tax withholding obligation referred to in Paragraph (1) of this Article does not apply if the miner and the exporter constitute the same operator. In that case, the exporter pays both the mining royalty tax and the export tax. (3) The tax on minerals is not an accepted deductible expense or an advance on income tax in the determination of taxable base for income tax.	(f) 0,5% de la valeur normative pour la catégorie d'or. <u>Article 6 :</u> Obligation de retenue, de déclaration et de paiement d'impôt (1) Une usine locale de traitement des minerais ou une personne qui exporte des minerais du Rwanda, a l'obligation de retenir la redevance minière, de la déclarer et de la remettre à l'administration fiscale dans un délai prescrit par la présente loi. (2) L'obligation de retenue d'impôt visée au paragraphe (1) du présent article ne s'applique pas si le mineur et l'exportateur constituent le même opérateur. Dans ce cas, l'exportateur paie à la fois la redevance minière et la taxe à l'exportation. (3) L'impôt sur les minerais n'est pas admis en charge déductible ou en avance sur l'impôt sur le revenu dans la détermination de la base imposable de l'impôt sur le revenu.
---	--	--

<u>Ingingo ya 7: Isonerwa ry'umusoro ku mabuye y'agaciro</u> (1) Amabuye y'agaciro y'icyitegererezo yoherezwa mu mahanga ku mpamvu z'igeragezwa, isesengura no ku bundi bugenzuzi, asonerwa umusoro ku mabuye y'agaciro. Amabwiriza y'urwego rubifitiye ububasha akena ingano y'amabuye y'agaciro y'icyitegererezo asonerwa umusoro ku mabuye y'agaciro. (2) Amabuye y'agaciro yatunganyijwe mu ruganda n'amabuye y'agaciro yavuye mu mahanga agomba koherezwa mu mahanga, uretse zahabu, asonerwa umusoro ku mabuye y'agaciro mu gihe cyo koherezwa mu mahanga.	<u>Article 7: Exemption of tax on minerals</u> (1) Samples of minerals exported for the purpose of essay, analysis or any other examination are exempted from tax on minerals. A regulation of the competent authority determines the quantity of samples of minerals exempt from the tax on minerals. (2) The processed minerals and imported minerals to be re-exported, except gold, are exempted from tax on minerals at export point.	<u>Article 7: Exonération d'impôt sur les minerais</u> (1) Les échantillons de minerais exportés à des fins de test, d'analyse ou de tout autre examen sont exonérés d'impôt sur les minerais. Un règlement de l'autorité compétente détermine la quantité des échantillons de minerais exonérés de l'impôt sur les minerais. (2) Les minerais transformés et les minerais importés destinés à être réexportés, à l'exception de l'or, sont exonérés d'impôt sur les minerais au point d'exportation.
<u>Ingingo ya 8: Itariki umusoro ku mabuye y'agaciro ubarirwa</u> (1) Umusoro ku mabuye y'agaciro ubarwa uherye ku munsu amabuye y'agaciro yoherejweho mu mahanga cyangwa umunsu yaguzwe n'uruganda rwo mu Gihugu. (2) Umunsu w'imenyekanisha ry'iyoherezwa mu mahanga ry'amabuye y'agaciro muri gasutamo,	<u>Article 8: Due date for tax on minerals</u> (1) The tax on minerals is due at the date of exportation of minerals or the date by which they were bought by a local mineral processing facility. (2) The date of customs export declaration of minerals is considered as the date on which the minerals are exported.	<u>Article 8: Date d'imposition de l'impôt sur les minerais</u> (1) L'impôt sur les minerais est dû à la date d'exportation des minerais ou à la date à laquelle ils sont achetés par l'usine locale de traitement des minerais. (2) La date de la déclaration en douane d'exportation des minerais est considérée comme la date à laquelle

ufatwa nk'umunsi amabuye y'agaciro yoherejweho mu mahanga. <u>Ingingo ya 9:</u> Ubwiza, agaciro n'amafaranga yo gutunganya amabuye y'agaciro (1) Ubwiza, agaciro n'amafaranga yo gutunganya amabuye y'agaciro bigenwa n'urwego rubifitiye ububasha. (2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha ashyiraho uburyo bwo kugena ubwiza, agaciro n'amafaranga yo gutunganya amabuye y'agaciro. <u>Ingingo ya 10:</u> Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro ku mabuye y'agaciro (1) Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko y'imisoro, usora amenyekanisha kandi akishyura umusoro ku byoherezwa mu mahanga mbere yo kohereza mu mahanga amabuye y'agaciro. (2) Usora amenyekanisha kandi akishyura umusoro w'ikirombe yafatiriye mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira ukwezi umusoro wafatiriwemo.	<u>Article 9:</u> Grade, value and processing charges for minerals (1) The grade, value and processing charges for minerals are determined by the competent authority. (2) A regulation of the competent authority establishes a mechanism for determination of grade, value and processing charges for minerals. <u>Article 10:</u> Declaration and payment of tax on minerals (1) Without prejudice to the provisions of other tax Laws, a taxpayer declares and pays the export tax before exportation of minerals. (2) A taxpayer declares and pays any mining royalty tax that he or she has withheld within 15 days following the month in which the tax was withheld.	les minerais sont exportés. <u>Article 9 :</u> Teneur, valeur et frais de traitement des minerais (1) La teneur, la valeur et les frais de traitement des minerais sont déterminés par l'autorité compétente. (2) Un règlement de l'autorité compétente établit un mécanisme pour déterminer la teneur, la valeur et les frais de traitement des minerais. <u>Article 10 :</u> Déclaration et paiement d'impôt sur les minerais (1) Sans préjudice des dispositions d'autres lois fiscales, le contribuable déclare et paie la taxe à l'exportation avant l'exportation des minerais. (2) Le contribuable déclare et paie la redevance minière qu'il a retenue dans les 15 jours suivant le mois dans lequel la redevance a été retenue.
---	--	---

<u>Ingingo va 11: Kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete y'ubucuruzi afitanye isano n'uwahawe uruhushya</u> (1) Uwahawe uruhushya rwo gucukura cyangwa urwo kugurisha amabuye y'agaciro ashobora kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete y'ubucuruzi bafitanye isano ari uko igiciro ahabwa kingana nibura n'icyo yabona agurishije mu ihiganwa risesuye ku bandi baguzi badafitanye isano, kandi hubahirijwe izindi ingingo z'amasezerano yakorwa hatitawe ku isano impande zombi zifitanye. (2) Iyo bigaragaye ko uwahawe uruhushya ruvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo agurisha amabuye y'agaciro ku giciro kiri hasi ugereranyije n'igiciro kiri ku isoko mpuzamahanga, urwego rubifitiye ububasha n'Ubuyobozi bw'imisoro bishobora gushingira ku giciro kiri ku isoko mpuzamahanga mu gihe cyo kugena agaciro kayo.	<u>Article 11: Sale of minerals to companies affiliated to the holder of a license</u> (1) The holder of a mining licence or of a licence to sell minerals may sell minerals to his or her affiliated companies only at a price at least equivalent to the price that would be obtained in arm's length sales to non-affiliated purchasers and in accordance with such other terms and conditions of agreements that would be made regardless of the affiliation of both parties. (2) Where it is established that the license holder referred to under Paragraph (1) of this Article sells minerals at a lower price compared to the international market value, the competent authority and the tax administration may use the international market value to determining their value.	<u>Article 11: Vente des minerais aux sociétés commerciales affiliées au titulaire d'un permis</u> (1) Le titulaire d'un permis minier ou d'un permis de vente de minerais ne peut vendre les minerais à ses sociétés commerciales affiliées qu'à un prix au moins équivalent au prix qui serait obtenu dans des conditions de pleine concurrence des acheteurs non-affiliés et conformément aux autres conditions et modalités des accords qui seraient faits sans tenir compte de l'affiliation des deux parties. (2) Lorsqu'il est constaté que le titulaire d'un permis visé au paragraphe (1) du présent article vend des minerais à un prix inférieur à la valeur sur le marché international, l'autorité compétente et l'administration fiscale peuvent se baser sur valeur sur le marché international pour déterminer leur valeur.
---	---	---

<u>Ingingo ya 12: Amabwiriza akumira ubwumvikane bugamije kutishyura umusoro</u> Iyo hari ubwumvikane bugamije kutishyura umusoro, Ubuyobozi bw'imisoro bukora ihuzwa ry'ibiciro mu buryo bukurikira: (a) bwirengagiza, buhuza, cyangwa busubiramo igikorwa cy'ubucuruzi icyo ari cyo cyose cyangwa igice cy'ubwumvikane bugamije kutishyura umusoro; (b) bwirengagiza umuntu ufasha cyangwa ugira uruhare mu bwumvikane bugamije kutishyura umusoro; (c) bufata cyangwa bugateganya ko abantu bafite aho bahuriye ari umuntu umwe, hagamijwe kumenya ingano y'umusoro ku mubare runaka w'amafaranga; (d) cyangwa bwongera kugena uruhare rwa buri ruhande ku musaruro mbumbe cyangwa ku gaciro kiyongereye ku mutungo cyangwa ibyakoreshejwe ku mpande zombi.	<u>Article 12: Anti-tax avoidance arrangement rules</u> When there is a tax avoidance arrangement, the tax administration makes price adjustments as follows: (a) disregarding, combining, or re-characterising any transaction or part of the tax avoidance arrangement; (b) disregarding a person facilitating or involved in the tax avoidance arrangement; (c) treating or deeming related persons to be one and the same person for the purpose of determining the tax treatment of any amount; or (d) reallocating a gross income or accrual of a capital nature or expenditure among the parties.	<u>Article 12: Règles de lutte contre un arrangement d'évasion fiscale</u> Lorsqu'il existe un arrangement d'évasion fiscale, l'administration fiscale procède aux ajustements de prix de la manière suivante : (a) en ignorant, en combinant ou en requalifiant toute opération ou partie de l'arrangement d'évasion fiscale; (b) en ignorant la personne facilitant ou impliquée dans un arrangement d'évasion fiscale; (c) en traitant ou en considérant des personnes liées comme une seule et même personne aux fins de déterminer le traitement fiscal de tout montant ; ou (d) en réaffectant entre les parties le revenu brut ou l'accumulation de nature capitale ou la dépense.
--	--	---

<u>Ingingo ya 13: Ingingo y’ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 14: Ingingo ivanaho</u> Itegeko n° 55/2013 ryo ku wa 02/08/2013 rishyiraho umusoro ku mabuye y’agaciro rivanyweho. <u>Ingingo ya 15: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 13: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 14: Repealing provision</u> Law n° 55/2013 of 02/08/2013 on minerals tax is repealed. <u>Article 15: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 13 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 14 : Disposition abrogatoire</u> La Loi n° 55/2013 du 02/08/2013 portant instauration de l’impôt sur les minerais est abrogée. <u>Article 15 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	--	---

Kigali, 26/06/2024

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux